# IJAMBO RYA BWANA KANGWAGYE JUSTUS WARI UHAGARARIYE RGB MU MUHANGO WO GUTAHA NO GUHA UMUGISHA KILIZIYA NSHYA YA PARUWASI GIKONDO

Kristu Yezu akuzwe; Iteka ryose.

Nyakubahwa Muyobozi w'Arkidiyosezi ya Kigali, Myr Antoni Kambanda

Nyakubahwa Myr Intumwa ya Papa mu Rwanda;

Banyakubahwa mwitangiye akazi ka Kiliziya, abasaserdoti, abihaye Imana n'abandi;

Banyakubahwa bayobozi muri hano dufatanyije,

Bakristu mwese mwaje;

Ku munsi nk'uyu amagambo akwiye ntabwo yoroshye kugira ngo uyabone, ariko nagira ngo mvuge ko **abantu beza bakora ibikorwa byiza**. Ibikorwa nk'ibi, ntabwo byakorwa n'abantu batari beza. **Kandi abantu beza, bahindura abandi, bagahindura umuryango, bagahindura aho baba, bikazatuma n'abazaza nyuma yabo babyubakiraho.**

Tukaba dushima, mu izina ry'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, ubuyobozi bwa Nyiricyubahiro Myr Antoine Kambanda, icyerekezo bafitiye Kiliziya y'u Rwanda, bafitiye n'abanyarwanda.

Tukaba tubafata nk'intangarugero, kuko igihe twavugaga ngo ingoro z'Imana zikwiye gusa n'Imana, zikagaragara nk'aho ari iz'Imana, abatarakundaga u Rwanda bari bazi ko duteye ibuye kuri komini. Niko cyera twabivugaga. Ariko aka kanya, hano i Gikondo, mu Mujyi wa Kigali, twihereye amaso ***tubona ko iyi Kiliziya ijyanye neza n'icyerekezo igihugu cyacu gifite.***

Baba abatubanjirije muri Kiliziya, ndetse n'abakurambere bacu, **twumvikana neza ko usengeye Imana ku mashyiga imusiga ivu.Nkaba rero nzi neza ko mwebwe ntaho muzahurira n'ivu. Imana izabaha umugisha, izabaha ibyo muzayisaba nk'uko n'abakurambere bacu babivuze.**

Icyo navuga mu izina ry'umuyobozi wacu, dushima umucyo ibikorwa bikorwamo. Ifaranga uwaritanze, uwarifashe, uwarikoresheje, icyo ryakoze, ibyo byose umuntu ahera ko akibona.

Ni umuco mwubatse. N'abandi bariho kubigana cyangwa kuwubaka, ariko icyo mugikomereho Nyakubahwa Nyiricyubahiro, kuko iri niryo pfundo rizatuma iyobokamana rishinga imizi mu Rwanda, kandi bigashyigikira Leta yimakaje umucyo.

Tukaba tubasaba ngo mubikomereho, mubishyire mu mvugo no mu ngiro, kuko bizafasha, kugira ngo mu Rwanda ntihazagire igihe Kiliziya bayiteza cyamunara cyangwa se bayigurishije abikorera, abacuruza, kuko ahandi biraba, biba buri munsi. **Tukaba dusaba abanyarwanda ko aho bise ingoro y'Imana hatazigera hamera nk'aho tujya twumva, kure simvuga mu Rwanda, no muri Afrika ntibikunze kuhaba ariko hanze ya Afrika, za Kiliziya barazigurisha zikagurwa.**

Ibi ntabwo mwazabigeraho muri Kiliziya hatagaragayemo kurera neza, kuko umuryango nyarwanda ushingiye ku bana umuryango ubyara, tukaba twizera ko aho hantu hazira ibiyobyabwenge, hari abantu

bayobotse Kiliziya, kandi turashima n'imbaraga Kiliziya ikoresha ibinyujije mu mashuri yayo ndetse no mu miryango.

Tukaba tubasaba ko mubikomeraho. Urubyiruko rw'ejo n'ejobundi rwanyuze mu maboko yanyu ruzabe ruzira ibiyobyabwenge.

Takaba tubikomeyeho kandi dushima n'umusanzu mutanga.

**Iyi ntambwe ba Nyakubahwa, ni igipimo gikomeye twasangamo imyumvire,** kumva neza ko ushobora kubaka inyubako nziza nk'iyi, mukayiha n'uburyo izaramba, mukayiha n'uburyo abazayikoramo bazaba ari abantu bumva neza, mukayiha icyerezo kitazasibangana, ni ikintu gikomeye cyane cy'imyumvire.

Ikindi gipimo kigaragara umuntu atakwirirwa ashakisha uruhindu, nuko **Kiliziya ihuza abantu, abakire n'abakene. Guhuza abakire n'abakene ntabwo ari ibya buri wese. Ariko kuba muri Kiliziya mubishobora, mugashyira hamwe, ari ufite make, ari ufite miliyoni cumi n'eshanu, mukubaka, mukabona umusaruro nk'uyu, ni igipimo nacyo gikomeye.**

Ntizimbye mu magambo nagira ngo nongere mpamye neza ko **u Rwanda rwacu, u Rwanda twubaka, u Rwanda twitangira, ntabwo ruzajya rurangwa gusa no kuba turi indashyikirwa mu kubungabunga ibidukikije, ntabwo ruzarangwa gusa no kuba indashyikirwa mu gucunga umutekano, no kugira insengero nziza bikwiye kwegeranywa bikajya mu bindi biranga u Rwanda.**

Nkaba rero mbasaba ngo mushigikire abayobozi banyu, mushyigikire inzego za Leta, zishishikajwe n'uko mugira insengero ziyubashye, ubwiherero bwiza, amajwi atarenga umupaka...

Ibyo byose ni ibigaragaza aho tugeze. Byose ni ibipimo nagira ngo uyu munsi mukuru wa Mutagatifu Visenti Pallotti udufashe kurushaho gukora ibyiza bidukwiye.

Nagira ngo mbashimire, nshimire n'Imana yatumye mubigeraho

Murakoze.